



## Inkingi Forces Démocratiques Unifiées United Democratic Forces

+ + (250) 728636000      Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.fdu-rwanda.com - www.victoire-ingabire.com

Kigali – Rwanda

---

*"Pour un Etat de Droit, la Démocratie et l'Egalité de chances"; "For the rule of law, democracy and equal opportunity"*

---

Kigali, Kuwa 13 Nzeri 2013.

### **Rwanda: Gereza nkuru ya Kigali 1930 yongeye kubangamira isurwa ry'umuyobozi mukuru wa FDU-Inkingi, Madame Victoire Ingabire.**

Kuri uyu wa Gatanu tariki ya 13 Nzeri 2013 ahagana mu ma saa yine z'amanywa nibwo abayoboke b'ishyaka FDU-Inkingi babujijwe gusura umuyobozi wabo Madamu Victoire Ingabire ufuzwe na leta ya FPR-Inkotanyi kubera impamvu za politiki .Ubwo abo bayoboke bageraga ku muryango wa gereza izwi ku izina rya 1930 batunguwe n'uko ubuyobozi bw'iyi gereza bubinyujije mu bakozi b'urwego rw'iperereza (CID) ruhakorera rwababujije kwinjira kandi nyamara ntibwabasobanurira impamvu nyayo buheraho cyane ko bari bafite ibya ngombwa byuzuye (indangamuntu) ndetse n'umubare w'abantu batanu wategetswe n'ubuyobozi bw'iyi gereza ntibari bawurengeje. Mu gihe bageragezaga kwaka ibisobanuro by'ukuntu bakwimwaga uburengazira bwo gusura hahise haza umwe mu bakozi b'urwego rw'iperereza rwa CID witwaga Bagume James ategeka abo bayoboke gutaha ngo kuko atari bubemere gusura.

Ubuyobozi bw'ishyaka FDU-Inkingi bumaze kumenya icyo gikorwa kigayitse bwavuganye kuri telefone n'umuyobozi w'iyi gereza watangaje ko abo bantu bafite uburenganzira bwo gusura niba bafite indangamuntu kandi batarenze batanu ariko uyu muyobozi ntiyabashije kuvugurura icyemezo cy'uyu mukazi w'urwego rw'ubutasi kabone n'ubwo byitwaga ko ariwe umukuriye.

Ibi bikorwa byo kwibasira abayobozi b'amashyaka atavugaga rumwe na leta ya Kigali aho bafungiyeho hirya no hino muri za gereza bikaba bimaze iminsi byarakajije umurego aho bimaze iminsi bivugwa ko ibikorwa nk'ibi byo kubangamira imfungwa za politiki byibasiye n'abandi banyapolitiki bafungiyeho muri gereza ya Mpanga aho kubasura nabyo bisigaye bishyirwamo amaniza menshi ku buryo ndetse uwitwaga Dr. Niyitegeka Theoneste we ubu afungiyeho muri kasho imbere muri gereza ya mpanga azira kuba yarasagarawe nkana n'umwe mu bacungagereza barangiza bakamugerekaho icyaha cyo kurwanya abashizwe umutekano muri gereza.

N'ubwo ibikorwa nk'ibi by'iterabwoba bisanzwe, bikunda kwiyongera igihe cy'amatora iyo ishyaka ryonyine rukumbi mu Rwanda rya FPR-Inkotanyi ririmo gutegura amatora maze ugasanga inzego zishinzwe umutekano zisa n'iziri kwibasira uwo ariwe wese zizi ko atari mu ishyaka riri ku butegetsu.

---

+ (250) 728636000      Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.fdu-inkingi.org - www.victoire-ingabire.com - **Donation:** <http://www.fdu-rwanda.com/donation>

Join us on **Facebook:** <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> - Watch us on **YouTube:** <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us on **Twitter:** <http://twitter.com/VictoireUmuhoza>

us on **Twitter:** <http://twitter.com/VictoireUmuhoza>

Ishyaka FDU-Inkingi ryongeye gusaba rikomeje ubuyobozi bwa leta y'u Rwanda kwumva ko nta kintu na kimwe gisumba guha agaciro no kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Ntabwo igihugu kigomba kuyoborwa hashingiwe ku marangamutima y'uwo ariwe wese. Kandi birababaje kubona ubutegetsu bwa Kigali bunanirwa no kubahiriza amategeko n'amabwiriza bwishyiriyeho ahubwo ugasanga buri mu kada (Cadre) wa FPR-Inkotanyi cyangwa undi wese afite ibyo yumva bimuhesha imbaraga nawe atanga amategeko uko yishakiye, inzego zakagombye kuba zifata ibyemezo zikaruca zikarumira nk'izidahari.

FDU-Inkingi

Boniface Twagirimana

Visi Perezida w'agateganyo